1/

Itangazo igomba gushirwa ku nzu y'Abatwale Nyangezi, Rwamuningi, Bisalinkumi Rwabulindi, Rwabukamba, Kamare, Bisamaza, Kalima.

= = = = = = = = = = = = = = = = =

## Amategeko yerekeye abanya-contra.

Tuributsa ko abanya-contra bategekwa gukurikiza aya mategeko akurikira:

- I - Imyaka itung'abantu: (Itegeko n° 11 lya 22 décembri 44 lya Bwana Résident wa Ruanda.)

K'umugabo : ntacyo.
Kulibuli mugore : ares 60 buli gihe. (Ares 35 amashaza, ibishimbo, ibigori, (...n'indi myaka ihingirw'igihe.
(Ares 25 (ares 15 imyumbati ahoyera)
(z'imyaka idahingirw'igihe: nk'ibijumba (imyumbati, ibilayi, amateke, n'ibindi...

Ruhengeri
12605

Icyitonderwa.
=============

Kuber'ili tegeko abagore b'abanya-contra bategekwa gufatanya n'abandi mu byo guhinga shiku z'imyumbati, n'ibijumba aho igisonga cyategetse kuko ali nta mwanya waboneka hafi y'urugo wo guhingamo ares 25 (meteri 50 x 50.) kandi ubutaka bwo hafi y'urugo; kuko ali bgiza, bukwiye guhingamo imyaka irushya (urutoke, ibishyimbo, amasaka n'ibindi.)

==================

- II - Kurwanya isuri. ( Itegeko n° 11 lya 22 décembri 44 lya Bwana Résident wa Ruanda.)

Ingingo lya 2 y'ilyo tegeko n° 11 itegeka abahinzi BOSE guter'imbingo mu milima yabo YOSE y'ahantu hacuramye, cyangwa se kuhakora n'indi milimo yindi yashobora kurwanya isuri (urugero: imiferege) yategetswe n'abategeka ba Territoire.

Icyitonderwa. Kuko lero benshi badashobora kubikora bonyine twategetse ko
=============
bikorerwa hamwe; aliko bikagenzurwa n'umukarani, n'umutwale, n'igisonga. Nuko lero nk'umugore cyangwa se umwana cyangwa s'undi muntu ufit'icyo apfana n'umunya-contra bategekwa gufatanya n'abandi mul'iyo milimo. Uwo mulimo wagirwa mu milima y'iruhande rw'urugo, cyangwa se muli shiku aho buli muntu agomba kuba afite ares 25 z'ibijumba, imyumbati, amateke, n'ibindi.

Ndabagira lero ko ubu abafit'itegeko bose lyo gukor'uwo mulimo bashobora guhanwa, kuko muli bo ali ntawufite umulima uciyemo imiferege cyangwa s'uteyemo imbingo, yose ntimeze nkuko Bwana Résident yabitegetse. Ibyo dupfa kubyemera kuko tuzi neza ko uwo mulimo al'uwimyaka myinshi kugigira ng'urangire, aliko lero kwa ubu, abantu bazagerageza kwirengagiza uwo mulimo kubera agasuzuguro bazahanwa.

Ku byerekeye Territoire ya Kisenyi turabibutsa ibaruwa Administrateur Territorial wa Kisenyi yandikiy'Abatwale le 4.4.1945.-

====================

- III - Ibihano byatanzwe.

Abazica itegeko bagomba gufungwa kuva ku munsi 1 kugera ku minsi 7 y'umunyururu n'amafranga kuva ku 1 franga kugera kuli 200 frs. y ihazabu cyangwa se igihano kimwe mul'ibi.

====================

- IV - Imigenzulire.

Ingingo ya 6 y'itegeko n° 11 itegeka ko Abazungu bahingisha n'Abatwale n'ibisonga bategekwa guhesha agaciro ayo mategeko tumaze kuvuga.-

====================

- V - Uburyo bwo kurwany'udusimba n'indwara zangiz'imyaka:

Itegeko lya Gouverneur Général lyo kuva ( 9 aprili 1915 (Indwara)
(25 marsi 1927 (Udukoko)

Ayo mategeko ategeka buli Munyarwanda (...

2/

Hatey'agakoko kitwa "Antestia" kangije kawa cyane mul'iyi myaka ishize.

Tuributsa rubanda rwose, aliko cyane cyane abanya contra ko amategeko yategetswe yo kurwanya antestia n'utundi dukoko twangiza ikawa n'aya ngaya:

a) gufata n'intoke utwo dukoko;
b) kwicira urutoke kugira ngo hageramo izuba no kugabanya amagi y'utwo dusimba twangiza;
c) gusarura ikawa zose zeze;
d) gutaba ibishishwa by'ikawa bakuye ku mbuto;
e) gutera pyrethre iyo al'igihe cyo kuyitera.

=================

- VII - Ibihano byashyizweho.-

Indwara: kuva ku munsi 1 kugera ku minsi 7 y'umunyururu no gutang'a ihazabu ly'amafranga kwa ku 1 fr. kugera kuli 200 frs. cyangwa se igihano kimwe mul'ibyo.

Udukoko: kuva ku minsi 7 kugeza ku kwezi 1 k'umunyururu no gutang'ihazabu kwa ku mafranga 5 kugera ku mafranga 1.000 cyangwa se igihano kimwe mul'ibyo.-

=================

- VIII - Imigenzulire.-

Abatwale n'ibisonga bategekwa gukoresha iyo milimo yose yerekeye indwara n'udukoko twangiza.-

| | | |
|---|---|---|
| Administrateur Territ. de Kisenyi, D. VAUTHIER, | Administrateur Territ. de Ruhengeri, W. ANTONISSEN, | Agronome, J. LENS, |

RUANDA-URUNDI

Ruhengeri 14 juin 1948.